UMUNSI MUKURU WA ECOLE D'ART

Tariki 14/05/2016, Ecole d'Art ya Nyundo yizihije umunsi mukuru wa Mutagatifu Jean Baptiste de la salle, fondateur des frères des Ecoles Chrétiennes (ni umuryango w'abafurere bayobora Ecole d'Art).

Umunsi mukuru wabimburiwe n'Igitambo cya Misa yatangiye saa yine, ikaba yayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepiskopi watorewe kuyobora Diyosezi ya Nyundo. Nyuma ya Misa, Umwepiskopi yatambagijwe ahari ibihangano bitandukanye abanyeshuri bagiye bakora. Ibyo birangiye hakurikiyeho ibirori n'ubusabane. Mu birori, abanyeshuri berekanye imbyino n'imikino bigaragaza umuco nyarwanda.

Mu ijambo rye, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, yashimiye Imana yahaye Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI ubushobozi bwo gushinga Ecole d'Art anashimira n'abandi bepiskopi bagiye bayobora Diyosezi ya Nyundo uko bakomeje guteza imbere Ecole d'Art. Yanashimiye ubufatanye n'ubwitange abarezi b'iryo shuri bafitanye, ibyo bigatuma abana batsinda neza, anabashimira kandi ko babatoza uburere bwa Gikristu.

Yakomeje asaba ko abana bagomba guhabwa uburere bw'umunyarwanda wuzuye ufite uburere n'umuco. Mu gusoza ijambo rye, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yashimiye Leta y'u Rwanda yafashije ikigo kongera kwiyubaka ndetse izana n'ishami rishya ry'umuziki avuga kandi ko bazakomeza ubuvugizi kugira ngo ikigo gikomeze gutera imbere.

Padiri Patient NIYOYITA